IBIRORI BY'UMUNSI MUKURU WA ASSOMPTION 2016

Kuri uyu wa mbere tariki 15/08/2016, kuri Paruwasi Crête Congo-Nil, ku murwa w'Umubyeyi w'Abakene habereye ibirori byo guhimbaza umunsi Mukuru w'Ijyanwa mu Ijuru rya Bikira Mariya.

Nk'uko bisanzwe bigenda buri mwaka, kuri uyu munsi Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo atura Umubyeyi w'Abakene abapadiri n'abadiyakoni bashya. Ibyo birori by'uyu munsi bikaba byatatangiwemo Imirimo Mitagatifu muri Kiliziya ubwo Abafartiri barangije umwaka wa mbere mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda bahawe umurimo w'Ubusomyi ; naho abarangije umwaka wa kabiri bahabwa umurimo w'Ubuhereza.

Abapadiri bashya Diyosezi yungutse bakikije Umwepiskopi batuwe Umubyeyi :

1. Padiri DUSENGUMUREMYI Jean Claude
2. Padiri DUSABEYEZU Védaste
3. Padiri DUSHIMIYIMANA Pierre Damien
4. Padiri NDACYAYISABA Donatien
5. Padiri NIYONSENGA Jean de Dieu
6. Padiri NSENGIYAREMYE Vincent
7. Padiri NTIRANDEKURA Josepf
8. Padiri UWINTWARI Evariste
9. Padiri HABUHAZI Michel

Adiyakoni bashya Diyosezi yungutse bakikije Umwepiskopi batuwe Umubyeyi :

1. Diyakoni HABIMANA J. Patrick
2. Diyakoni HABINSHUTI Pascal
3. Diyakoni HAKIZIMANA Théophile
4. Diyakoni KAMANZI Benjamin
5. Diyakoni KARASIRA Fidèle
6. Diyakoni KWIZERA Jean Marie
7. Diyakoni NDAGIJIMANA Theogène
8. Diyakoni NZABAHIMANA Gaspard
9. Diyakoni NIZEYIMANA Jean de la Croix
10. Diyakoni NSENGIMANA Fidèle
11. Diyakoni UWINEZA Didier
12. Diyakoni UWINEZA Gabriel

Mu nyigisho ye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo yifurije bose Umunsi mwiza. Yavuze ko mu icungurwa ryacu, Yezu na Bikira Mariya babifitemo uruhare rukomeye. Uwo mubyeyi Yezu yamuturaze Ku musaraba. Uyu munsi ntutubere uw'ibirori gusa ahubwo unaduhe kuzirikana uko twakwigira kuri uwo mubyeyi ukwicisha bugufi kwe. N'ubwo yabaye Nyina w'Imana ntiyigeze yishyira hejuru. Tumwigireho kwiyumanganya, mu bibazo byose yahuye nabyo cyane mu bubabare n'urupfu rwa Kristu yaranzwe no kwihangana. Ni Umubyeyi twigiraho kugira urukundo no kugoboka abari mu kaga, kubera ukwizera kwe mu bukwe bw'i Kana yatakambiye abantu ku Mwana we Yezu Kristu.

Uyu Mubyeyi twamwigiraho byinshi kandi byiza niyo mpamvu buri mwaka duteranira aha kugira Ngo tumwiyambaze kandi tumufateho urugero dore ko ari na we waragijwe Diyosezi yacu. Uwo mubyeyi yakomeje kutuba hafi mu byiza no mu bibi Diyosezi ya Nyundo yaciyemo nk'uko byaranze amateka y'iguhugu cyacu. Uko kwiyambaza Bikira Mariya twakomeje kubishishikarizwa n'abashumba ba Diyosezi ya Nyundo uko bagiye basimburana.

Ivanjili iratubwira uko Bikira Mariya yagiye mu misozi miremire agasura Elizabeti nk'uko kandi tubizirikana mu mibukiro yo kwishima dusabe inema yo gukundana. Urwo rukundo rwaranze Bikira Mariya natwe rukomeze ruturange.

Umunsi nk'uyu dushimire Bikira Mariya uruhare yagize mu ngabire twakiriye yo kubona abapadiri bashya 9. Tubamuture kugira Ngo mu butumwa bwabo azababe hafi kandi bazamwiyambaze. Uyu mwaka w'iyogezabutumwa ubutumwa buzashingire kuri Kiliziya y'iremezo « **Umuryango nk'Intango y'ubukristu** ». Abakristu mu ngo zabo bubake Kiliziya, abana babonere uburere nyabwo mu muryango.

Iyi nyota urubyiruko rufite tubatere inkunga babe abakristu nyabo. Urubyiruko rwacu turufashe kwitegura neza gushinga urugo badaciye mu nzira zitari zo mu gushinga urugo. Ababyeyi bigire kuri Bikira Mariya kuba umutima w'urugo, ibyo byatumye urugo rw'i Nazareti rutubera intangarugero. Umwaka utaha tuzahurire aha twishimira Imbuto zavuye mu mwaka w'umuryango.

Nyuma y’inyigisho, Umwepiskopi yahaye abafaratiri barangije mu mwaka wa mbere n’uwa kabiri mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda imirimo y’Ubusomyi n’Ubuhereza.



Abafaratiri bahawe imirimo Mitagatifu

ABAHAWE UBUSOMYI

1. Fratri HAKUZIMANA Théophile
2. Fratri SEBAGARAGU Jean Paul
3. Fratri SENYONI Théogène

ABAHAWE UBUHEREZA

1. Fratri BIBARABEJO Jean Bosco
2. Fratri HABYARIMANA Emmanuel
3. Fratri IYAKAREMYE Matthieu
4. Fratri Kwizera Maurice
5. Fratri MUGABO Africain
6. Fratri MUSHIMIYIMANA Félix
7. Fratri NIYONGOMBWA Jean Népomuscène
8. Fratri NIZEYIMANA Félicien
9. Fratri UFITIMANA Themistocles
10. Fratri UWUBASHYE Pasteur
11. Fratri NZEYIMANA Isidore

Padiri mukuru wa paruwasi crête Congo-Nil yavuze ko iyi Assomption yizihijwe Ku nshuro ya 62, ku Murwa w'Umubyeyi Bikira Mariya nyuma y'aho Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI ahatangije mu mwaka w'1954.

M^me^ AYINKAMIYE Aimerance, umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro

Mu ijambo rye, M^me^ AYINKAMIYE Aimerance, umuyobozi w'Akarere ka Rutsiro yavuze ko Urugendo Rutagatifu nk'uru ari impano ikomeye ku Karere ka Rutsiro ni impano ikomeye kandi kuba ari ko karimo Umurwa w'Umubyeyi Bikira Mariya. Aragagaza ko ibyiza by'uyu munsi n'ingabire abantu bakiriye bigera Ku iterambere rya roho n'iry'umubiri. Yizeje ko hazabaho ubufatanye Ku buryo mu myaka iri imbere ntabantu bazakomeza kunyagirirwa Ku murwa w'Umubyeyi. Yashishikarije Bose kuzajya bakomeza kuza kuvoma Ku isoko y'impuhwe no muyindi munsi.

Mu mpanuro ze, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo aragaragaza ko uyu Murwa w'Umubyeyi w'Abakene umaze kumenyerwa. Ahagera bwa mbere Ku munsi mukuru w'urubyiruko yatangajwe n'intera uyu Murwa ugezemo ugendwa. Arifuza ko ubutaha Abasaseridoti bazajya baza Bari kumwe n'abakristu. Yagaragaje ibyishimo

afite byo gukorera urugendo Rutagatifu bwa mbere Ku munsi w'Assomption Ku Murwa w'Umubyeyi w'Abakene.

Umwepiskopi yakomeje avuga ko uyu ari umwanya wo gufatanya gushimira Umubyeyi ndetse n'Abepiskopi bayoboye Diyosezi ya Nyundo uhereye kuri Musenyeri BIGIRUMWAMI Aloys washyizeho uyu Murwa bigaragaza agaciro bahaye Umubyeyi Bikira Mariya. Hari byinshi tugomba kujya dushimira Umubyeyi kuko hari ibyiza byinshi aturonkera mu buzima bwacu. Muri uyu mwaka w'Impuhwe dukomeze tube abanyampuhwe nka Data wo mu Ijuru ibyo bizashimisha Umubyeyi kuko Ari Umubyeyi w'Impuhwe.

Yavuze ko muri uyu mwaka ashimira Imana ibintu byinshi by'impuriranе : Yatorewe kuba Umwepiskopi mu mwaka w'Impuhwe za Nyagasani akaba yari amaze imyaka 25 atorewe kuba Umuseridoti ndetse akaba agiye gutangiza Ku

mugaragaro paruwasi nshya ya GAKERI ikaba iya 25 muri Diyosezi ya Nyundo ikaba izaragizwa Yezu Nyirimpuhwe ; ndetse yanaboneyeho umwanya wo kwerekana Abasaseridoti bazaba muri iyo Paruwasi nshya nk'uko mubabona bahagararanye. Arishimira ubufatanye Buri hagati y'ubuyobozi bw'Akarere ka Rutsiro na Paruwasi Crête Congo-Nil ibyo bigatuma abaza mu rugendo Nyobokamana bataha bamerewe neza.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA